FUCORIRWA
FEDERATION DES UNIONS DES COOPERATIVES RIZICOLES AU RWANDA
FEDERATION OF RICE GROWERS COOPERATIVES IN RWANDA
IMPUZAMAHURIRO Y'AMAKOPERATIVE Y'ABAHINZI B'UMUCERI MU RWANDA
B.P. 4890 Kigali-rwanda • Email:fucorirwa@gmail.com
Tél : 0788829641/0789262062

# ITANGAZO RYO KUGURISHIRIZA FUCORIRWA UBUTAKA

FUCORIRWA Ni impuzamahuriro y`amakoperative y`abahinzi b`umuceri mu Rwanda ikorera mu karere ka KICUKIRO, mu murenge wa KICUKIRO, mu kagali ka KAGINA. FUCORIRWA irifuza kugurisha ubutaka bwayo buherereye mu karere ka BUGESERA, mu murenge wa NYAMATA, mu kagali ka MARANYUNDO, mu mudugudu wa MUYANGE bufite UPI 5/07/10/03/6138.

FUCORIRWA rero ikaba ihamagarira abantu ku giti cyabo cyangwa Company zitanga serivise zo kugurishiriza abantu imitungo kandi biteguye guha FUCORIRWA iyo service ko bakwandika ibaruwa ibisaba ikubiyemo ibi bikurikira :

1. Ibaruwa isaba akazi iri mu rurimi rw'ikinyarwanda yandikiwe Perezida w`inama y'ubuyobozi ya FUCORIRWA igaragaza imiterere ya Business cyangwa ya company hagaragazwa kandi serivise itangwa n`iyo company cyangwa business y'umuntu kugiticye. , CV.
2. Kuba ari inyangamugayo kandi asanzwe atanga iyi serivise.
3. Kuzuza ifishi y`upiganwa igaragara mu gitabo cy`ipiganwa.
4. Icyangombwa cya RDB kigaragaza ko sosiyete y`ubucuruzi yanditse mu buryo bwemewe n'amategeko cyangwa businesi ikora yanditse mu buryo bwemewe n'amategeko.
5. Kugaragaza byibuze abantu batatu yaba yarahaye service yo kugurishiriza umutungo bibaye ari ibigo byaba ari akarusho.
6. Kugaragaza ikiguzi kuri serivise FUCORIRWA ibifuzaho kibazwe mu mafaranga y`u Rwanda.
7. Upiganira isoko agomba gukurikiza amabwiriza agenga ipiganwa nk`uko agaragara k`umugereka w'iri tangazo.

N.B igitabo cy'ipiganwa ntabwo kizishyurwa.

Amadosiye agomba kuba yoherejwe kuri email ya FUCORIRWA **fucorirwa@gmail.com** cyangwa ku biro byayo kubazifuza kuzizana ,bitarenze kuwa 14/07/2023 isaa kumi nimwe zumugoroba (17h00) . Upiganwa uzatsindira gutanga iyi serivice azatoranywa hagendewe ku kureba abujuje ibisabwa, ubunararibonye bafite mu gutanga iyi serivice kandi hanitabwe ku kiguzi cya serivise.

**Bigenzuwe na**
GASASIRA Thomas
Perezida w'akanama k'amasoko
Muri FUCORIRWA
Kuwa 05/07/2023

**Byemejwe na**
RWAMWAGA Jean Damascene
Perezida w`inama y`ubuyobozi ya
FUCORIRWA
Kuwa 05/07/2023.

**IGITABO KIGENGA IPIGANWA.**

FUCORIRWA
FEDERATION DES UNIONS DES COOPERATIVES RIZICOLES AU RWANDA
FEDERATION OF RICE GROWERS COOPERATIVES IN RWANDA
IMPUZAMAHURIRO Y'AMAKOPERATIVE Y'ABAHINZI B'UMUCERI MU RWANDA
B.P. 4890 Kigali-rwanda * Email:fucorirwa@gmail.com

Tél : 0788829641/0789262062

# *ISOKO RYO KUGURISHIRIZA FUCORIRWA UBUTAKA BURI MU KARERE KA BUGESERA MU MURENGE WA NYAMATA, MU KAGALI KA MARANYUNDO MU MUDUGUDU WA MUYANGE BUFITE UPI 05/07/10/03/6138*

*N°: FUCORIRWA/01/2023*

*Nyakanga 2023*

**Igice cya 1: IFISHI YUZUZWA N'UWAPIGANIYE ISOKO**

Itariki atangiyeho dossier ye ( mu buryo bw'ikorana buhanga cyanga ku biro bya FUCORIRWA) :

Amazina y'upiganwa yanditse ku byangombwa bye niba ari umuntu ku giti cye :

Izina ry'ikigo igihe Atari umuntu ku giticye (legal name):

Igihugu cye :

Itariki yiyandikishirijeho mu bucuruzi:
Amazina y'uharurariye ikigo imbere y'amategeko:

Irangamuntu cyangwa Pasiporo ye:

Aho abarizwa:

Telefone ye:

Email ye:

*Kopi y'icyangombwa cyo kwandikwa mu bucuruzi igihe ari Company upiganwa agomba kugaragaza icyangombwa gitangwa na RDB ( Company Registration Certificate) cyangwa icyangombwa cyo mu kindi kigo cyanditse ubucuruzi bwe niba ari umutu kugiticye.*

## Igice cya 2: Amabwiriza kubapiganwa

1. Utanze isoko ni FUCORIRWA . isoko ryo kugurishiriza FUCORIRWA ubutaka buri mu karere ka BUGESERA mu murenge wa NYAMATA, mu kagali ka MARANYUNDO bufite UPI 5/07/10/03/ 6138 . isoko ***N°: FUCORIRWA/01/2023.***
2. Amafaranga azahemba uwatsindiye isoko azava mu kiguzi cya gurishijwe ubutaka bwa FUCORIRWA Kandi azabarwa hafashwe amafaranga yagurishije yose hakuwemo umusoro y'uwagurishije asigaye abarirwego ikiguzi cya servise igihe cyaba kiri bubarwe hashingiwe ku ijanisha.
3. FUCORIRWA ni impuzamahuriro y'amakoperative y'abahinzi b'umuceri mu RWANDA ikorera mu karere ka KICUKIRO , mu murenge wa KICUKIRO, mu kagali ka KAGINA. Ifite Email: **fucorirwa@gmail.com** ,
4. Upiganwa ni umuntu ku giti cye cyangwa sosiyete y'ubucuruzi babifitiye ibyangombwa ko basanzwe batanga servise zo kugurishiriza abantu imitungo
5. kuba ari inyangamugayo kandi asanzwe atanga iyi sirivise.
6. Abapiganwa bazazana inyandiko zabo ziri mu rurimi rw'ikinyarwanda kandi uzatsinda ipiganwa, ikinyarwanda nirwo rurimi ruzategurwamo amasezerano.
7. Upiganwa ashobora kohereza dossier isaba akazi kuri email ya FUCORIRWA (email: **fucorirwa@gmail.com** ) cyangwa akayizanira ku biro bya FUCORIRWA aho ikorera hagaragajwe mu ngingo ya 3.
8. Imigereka itagomba kubura nyuma y'ibaruwa isaba akazi : icyemezo cy'ubucuruzi niba ari umuntu ku giticye , igihe ari company igomba gutanga icyangombwa kigaragaza ko Company yanditse muri RDB, ibaruwa igaragaza ko uwasinye ku gupiganira isoko yabiherewe uburenganzira na company igihe uyihagarariye imbere y'amategeko atariwe wasinyeho. Kugaragaza ibindi byose byatuma upiganwa atsindira iryo soko.
9. Upiganira isoko agomba kugaragaza ikiguzi azaca FUCORIRWA kuri servise imukeneyeho kandi kiri mu mafaranga y'u Rwanda.
10. Upiganira iri soko nta ngwate azasabwa kandi nta n'amafaranga y'ipiganwa azishyura.

11. Kubazazana amabahasha yabo akubiyemo inyandiko z'ipiganwa ku biro bya FUCORIRWA bagomba kwandikaho inyuma , Amazina ye, isoko ryo kugurishiriza FUCORIRWA ubutaka N° FUCORIRWA /01/2023.
12. Upiganwa uzatanga ibaruwa ye ku biro bya FUCORIRWA agomba kuyizana mu masaha y'akazi. Kandi nawe agahabwa urupapuro rwemeza ko yayitanze ruriho na cashe y'umuhuzabikorwa wa FUCORIRWA cyangwa ya Reception.
13. Itariki ya nyuma yo kuzana amabahasha haba mu buryo bwa Email cyangwa kuzizana kubiro ni 14/07 //2023 i saa kumi nimwe za nimugoroba. .
14. Nyuma y'itariki yo gutanga amabaruwa akanama gashinzwe gutanga amasoko muri FUCORIRWA kazaterana kayasuzume.
15. Ifishi yuzuzwa n'uwapiganiye isoko . abazatanga dossier zabo kuri email bazayuzuza bayongere kumugereka.
16. Inyandiko z'ipiganwa zizasuzumwa ingingo kuyindi harebwa abujuje ibisabwa , ubunararibonye bafite mu gutanga iyi servise ,n'ikiguzi cya servise , isoko rizahabwa uwahize abandi kandi watanze igiciro gito.
17. Ibizava mu isuzuma bizamenyeshwa abapiganye bose.

## Igice cya 3 : Techinical Specification ( Imiterere y'isoko)

**Ubwoko bw'ubutaka buzagurishwa :** Ni ubutaka buherereye ahagaragajwe mu ngingo zibanza. Ntanzu irimo. Ubu butaka bukora ku mihanda ibiri ya Kaburimbo hepfo no haruguru.